RWANDA

commonwealth games RWANDA

# Icyegeranyo cy'amakuru y'imikino yaranze icyumweru

## 2023 Taliki 03-05 Gashyantare





**P1. Handball:** Gicumbi HBT na Kiziguro SS zisubije igikombe cy'Intwari

# Ijambo ry'ibanze

Komite Olempike y'u Rwanda yashyizeho iki cyegeranyo mu rwego rwo kurushaho kumenyekanisha ibikorwa byayo n'iby'abanyamuryango bayo (Amashyirahamwe y'Imikino mu Rwanda) hagamijwe gukomeza guteza imbere siporo no kuyikundisha Abanyarwanda muri rusange by'umwihariko abakiri bato.

Iki cyegeranyo gikubiyemo amakuru n'ibikorwa bya siporo byaranze icyumweru, kikazajya gisohoka rimwe mu cyumweru.

Ntigisimbura kandi izindi nzira Komite Olempike y'u Rwanda isanzwe ikoresha mu kugeza amakuru ku banyamuryango bayo n'abanyarwanda muri rusange.

# Ibirimo


P1 **Handball:** Gicumbi HBT na Kiziguro SS zisubije igikombe cy'Intwari

P2 **Football:** Uko imikino y'umunsi wa 18 yagenze

P2 **Handball:** igihe shampiyona ya 2023 izatangirira

P3 **Basketball:** Uko imikino ya shampiyona yagenze

P3 **Sitting Volleyball :** Gasabo na Bugesera zegukanye irushanwa ry'Intwari

P4 **Wheelchair Basketball:** Habaye imikino ya shampiyona

P4 **Goalball:** Uko imikino ya shampiyona yagenze

# 1 **Handball:** Gicumbi HBT na Kiziguro SS zisubije igikombe cy'Intwari

Kuva taliki 04 kugeza taliki 05 Gashyantare 2023 mu Karere ka Gicumbi habereye irushanwa mu mukino wa Handball ryahariwe kuzirikana Intwari z'Igihugu "Handball Heroes Tournament 2023".

Ikipe ya Gicumbi HBT mu bagabo na Kiziguro SS mu bagore ni zo zegukanye igikombe. Aya makipe akaba yarisubije iki gikombe kuko ni yo yari yacyegukanye umwaka ushize wa 2022.

Iri rushanwa ryateguwe n'ishyirahamwe ry'umukino wa Handball mu Rwanda "FERWAHAND" ku bufatanye n'Urwego rushinzwe Intwari z'Igihugu, Imidali n'Impeta by'Ishimwe "CHENO".

Mu bagabo hitabiriye amakipe 9 aho yari agabanyije mu matsinda abiri. Itsinda A ryari rigizwe na St Martin Hanika, Gicumbi HBT, ADEGI na UR Huye naho itsinda B rigizwe na TTC de la Salle, Nyakabanda, Police HBC, APR HBC na UR Rukara.

Nyuma y'imikino y'amajonjora, amakipe 2 ya mbere muri buri tsinda yakomeje muri ½ cy'irangiza aho ikipe ya Gicumbi HBT yatsinze APR HBC ibitego 29 kuri 24 naho ikipe ya Police HBC itsinda ADEGI ibitego 36 kuri 14.

Ikipe ya APR HBC yegukanye umwanya wa 3 itsinze ikipe ya ADEGI ibitego 26 kuri 20.

Ikipe ya Gicumbi HBT yegukanye igikombe itsinze ku mukino wa nyuma ikipe ya Police HBC ibitego 44 kuri 29.

**Mu bagore Kiziguro SS na yo yisubije igikombe**

Mu bagore iri rushanwa ryitabiriwe n'amakipe 6 aho yari yashyizwe mu matsinda abiri, itsinda A ryari rigizwe na Gicumbi HBT, UR Huye na Kiziguro SS naho itsinda B rigizwe na TTC de la Salle, UR Rukara na Three Stars.

Nyuma y'imikino y'amajonjora, amakipe abiri ya mbere muri buri tsinda yakomeje muri ½ cy'irangiza aho ikipe ya Gicumbi HBT yatsinze UR Rukara ibitego 21 kuri 18 naho Kiziguro SS itsinda Three Stars ibitego 21 kuri 12.

Ikipe ya Three Stars ni yo yegukanye umwanya wa 3 itsinze UR Rukara ibitego 22 kuri 20.

Ku mukino wa nyuma, ikipe ya Kiziguro SS yitwaye neza itsinda Gicumbi HBT ibitego 34 kuri 25.

Muri 2022, ikipe ya Gicumbi HBT mu bagabo yegukanye igikombe itsinze Police HBC 33 kuri 31 naho mu bagore Kiziguro SS yegukana igikombe itsinze UR Rwamagana ibitego 29 kuri 14.





# **Football:** Uko imikino y'umunsi wa 18 yagenze

Kuva taliki 03 kugeza taliki 05 Gashyantare 2023 habaye imikino y'umunsi wa 18 wa shampiyona y'icyiciro cya mbere mu mupira w'amaguru mu bagabo.

Ikipe ya APR FC yitwaye neza itsinda Sunrise FC igitego 1-0 ikomeza kuyobora urutonde by'agateganyo.
Imikino y'umunsi wa 19 biteganyijwe ko izaba taliki 10, 11 na 12 Gashyantare 2023.

**Uko imikino yagenze**

**Taliki 03-02-2023**
- Gorilla FC **1-2** Gasogi United

**Taliki 04-02-2023**
- AS Kigali **1-2** Police FC
- Rutsiro FC **1-1** Mukura
- Sunrise FC **0-1** APR FC

**Taliki 05-02-2023**
- Rayon Sports **0-0** Kiyovu
- Musanze FC **0-0** Etincelles FC
- Marines FC **3-2** Rwamagana City
- Espoir FC **1-1** Bugesera FC

**Urutonde rwa shampiyona 2022-2023**

| Umwanya | Ikipe | Imikino | Amanota |
|---|---|---|---|
| 1 | APR FC | 18 | 37 |
| 2 | Gasogi United | 18 | 35 |
| 3 | AS Kigali | 18 | 33 |
| 4 | Rayon Sports | 18 | 33 |
| 5 | Kiyovu | 18 | 32 |
| 6 | Etincelles FC | 18 | 30 |
| 7 | Police FC | 18 | 27 |
| 8 | Mukura | 18 | 25 |
| 9 | Sunrise FC | 18 | 23 |
| 10 | Musanze FC | 18 | 23 |
| 11 | Gorilla FC | 18 | 22 |
| 12 | Bugesera FC | 18 | 21 |
| 13 | Rutsiro FC | 18 | 17 |
| 14 | Rwamagana City | 18 | 16 |
| 15 | Espoir FC | 18 | 11 |
| 16 | Marines FC | 18 | 10 |



# **Handball:** Hemejwe igihe shampiyona ya 2023 izatangirira

Inama y'Inteko Rusange y'ishyirahamwe ry'umukino wa Handball mu Rwanda "FERWAHAND" yateranye taliki 04 Gashyantare 2023 yemeje ko shampiyona y'uyu mwaka izatangira taliki 25 Gashyantare 2023.

Muri iyi nama yateraniye muri Hiltop Hotel i Kigali, Perezida wa FERWAHAND, Twahirwa Alfred yatangaje ko bagaragarije abanyamuryango raporo y'ibikorwa byabaye muri 2022, raporo y'umutungo ndetse banababagezaho gahunda y'ibikorwa biteganyijwe muri uyu mwaka wa 2023.

Mu bikorwa byabaye mu mwaka wa mbere w'iyi Komite nyobozi ya FERWAHAND dore ko yatowe muri Werurwe 2022 harimo imikino y'Afurika mu batarengeje imyaka 18 na 20 yabereye mu Rwanda, amahugurwa y'abasifuzi ndetse n'ibindi bikorwa bitandukanye byo kumenyekanisha umukino wa Handball.

Perezida wa FERWAHAND, Twahirwa Alfred yagize ati : *"Abanyamuryango bishimiye uburyo amarushanwa atandukanye twakiriye yagenze, uburyo twamenyakanishije umukino by'umwihariko ubufasha twahawe n'ubuyobozi bw'igihugu, Ministeri ya Siporo ndetse na Perezida wa Repubulika y'u Rwanda, Paul Kagame ubwe watwakiriye hamwe n'ubuyobozi bwa Handball muri Afurika akanareba irushanwa."*

Muri gahunda FERWAHAND ifite muri uyu mwaka wa 2023 ni ugukomeza ibikorwa byo kuzamura umukino bihereye mu bakiri bato, gutegura ikipe izitabira imikino y'igikombe cy'Isi mu batarengeje imyaka 19 mu bahungu "IHF Men's Youth World Championship 2023" izabera muri Croatia taliki 02 kugeza taliki 13 Kanama 2023 ndetse no gutangira gutegura imikino y'Afurika mu cyiciro cy'abagabo izabera bwa mbere mu Rwanda muri 2026 "African Handball Nations Championship 2026".

Perezida wa FERWAHAND, Twahirwa atangaza ko izi gahunda zizagendana n'amahugurwa y'abatoza, kwitabira amarushanwa mpuzamahanga atandukanye, gushaka impano no kuziteza imbere.

Muri iyi nama y'Inteko Rusange kandi hakiriwe umunyamuryango mushya, GS St Paul Muko, ishuri ribarizwa mu Karere ka Rusizi mu Murenge wa Bugarama.



## **Basketball:** Uko imikino ya shampiyona yagenze

Kuva taliki 03 kugeza taliki 05 Gashyantare 2023 habaye imikino ya shampiyona mu mukino wa Basketball y'icyiciro cya mbere mu bagabo .

**Uko imikino yagenze**

FERWABA · RWANDA BASKETBALL LEAGUE · CHEETAH ENERGY DRINK

### RWANDA BASKETBALL LEAGUE 2023 - MEN'S D1, DAY 10 TO DAY 12 RESULTS

#### FIRST LEG

| | | |
|---|---|---|
| **DAY 10, FRIDAY 03/02/2023** | | |
| APR BBC | 80-35 | ESPOIR BBC |
| TIGERS BBC | 66-78 | K TITANS |
| REG BBC | 101-50 | SHOOT 4 STARS |
| PATRIOTS BBC | 98-40 | RP IPRC KIGALI |
| **DAY 11, SATURDAY 04/02/2023** | | |
| RP IPRC KIGALI | 57-83 | K TITANS |
| RP IPRC HUYE | 75-96 | ORION BBC |
| TIGERS BBC | 103-52 | RP IPRC MUSANZE |
| UGB | 60-92 | REG BBC |
| **DAY 12, SUNDAY 05/02/2023** | | |
| UGB | 91-63 | RP IPRC MUSANZE |
| PATRIOTS BBC | 83-61 | ESPOIR BBC |

FERWABA · RWANDA BASKETBALL LEAGUE · CHEETAH ENERGY DRINK

### RWANDA BASKETBALL LEAGUE 2022-2023 MEN D1 | ROUND 1 RANKING 5/2/2023

| RANK | TEAM | PG | W | L | F | PTS | FOR | AGAINST | GD |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 1 | PATRIOTS BBC | 7 | 6 | 1 | 0 | 13 | 628 | 410 | 218 |
| 2 | REG BBC | 6 | 6 | 0 | 0 | 12 | 601 | 323 | 278 |
| 3 | ESPOIR BBC | 7 | 5 | 2 | 0 | 12 | 506 | 455 | 51 |
| 4 | K TITANS BBC | 7 | 5 | 2 | 0 | 12 | 555 | 487 | 68 |
| 5 | APR BBC | 5 | 5 | 0 | 0 | 10 | 518 | 190 | 328 |
| 6 | TIGERS BBC | 7 | 3 | 4 | 0 | 10 | 476 | 441 | 35 |
| 7 | ORION BBC | 6 | 3 | 3 | 0 | 9 | 467 | 441 | 26 |
| 8 | UGB | 6 | 2 | 4 | 0 | 8 | 365 | 455 | -90 |
| 9 | SHOOT 4 STARS BBC | 5 | 2 | 3 | 0 | 7 | 309 | 447 | -138 |
| 10 | RP-IPRC MUSANZE BBC | 7 | 0 | 7 | 0 | 7 | 327 | 736 | -409 |
| 11 | RP-IPRC HUYE BBC | 6 | 0 | 6 | 0 | 6 | 347 | 568 | -221 |
| 12 | RP-IPRC KIGALI BBC | 5 | 0 | 5 | 0 | 5 | 286 | 432 | -146 |

PG: PLAYED GAMES W: WIN L : LOSS PTS: POINTS GD: GOAL DIFFERENCE

## **Sitting Volleyball :** Gasabo na Bugesera zegukanye irushanwa ry'Intwari

Taliki 04 Gashyantare 2023 kuri Club Rafiki i Nyamirambo mu Karere ka Nyarugenge habereye irushanwa mu mukino wa Sitting Volleyball ryahariwe kuzirikana Intwari z'Igihugu "Heroes Sitting Volleyball Tournament 2023".

Iri rushanwa ryateguwe na Komite y'imikino y'abantu bafite ubumuga mu Rwanda "NPC-Rwanda" ku bufatanye n'Urwego rushinzwe Intwari z'Igihugu, Imidali n'Impeta by'Ishimwe "CHENO".

Ikipe ya Gasabo mu bagabo na Bugesera mu bagore akaba ari zo zegukanye igikombe.

Amakipe 4 muri buri cyiciro ni yo yitabiriye mu bagabo ari yo Gisagara , Karongi, Gasabo na Rutsiro naho mu bagore hitabira Bugesera, Nyarugenge, Musanze na Gicumbi.

Aya makipe yakinnye hagati yayo, hanyuma abiri ya mbere akina umukino wa nyuma.

Mu bagabo, ikipe ya Gasabo yatsinze Gisagara ku mukino wa nyuma amaseti 3-0 (25-23, 25-23 na 30-28).

Mu bagore, ikipe ya Bugesera yatsinze ku mukino wa nyuma ikipe ya Gicumbi amaseti 3-0 ( 25-19, 25-21 na 25-19).

Uko amakipe yakurikiranye, mu bagabo, Gasabo (1), Gisagara (2), Rutsiro (3) na Karongi (4). Mu bagore, Bugesera (1), Gicumbi (2), Nyarugenge (3) na Musanze (4).






## **Wheelchair Basketball:** Habaye imikino ya shampiyona

Taliki 05 Gashyantare 2023 habaye imikino ya shampiyona y'agace ka Kabiri "Phase 2" mu mukino wa Basketball ikinwa n'abafite Ubumuga bicaye mu tugare "Wheelchair-Basketball, Championship 2022-2023".

Iyi mikino yo yabereye mu nzu y'imikino ya STECOL mu cyanya cyahariwe inganda i Masoro.

**Uko imikino yagenze**

### 2022-2023 WHEELCHAIR BASKETBALL Championship

### PHASE TWO

**GROUP B GAMES**



**MEN RESULTS**

| | | |
|---|---|---|
| KICUKIRO | 21-8 | GICUMBI |
| BUGESERA | 6-18 | INDANGAMIRWA |
| BUGESERA | 20-16 | GICUMBI |
| GICUMBI | 12-13 | INDANGAMIRWA |
| FT: KICUKIRO | 16-10 | INDANGAMIRWA |
| KICUKIRO | 20-3 | BUGESERA |

@npcrwanda | NPCRWANDA | NPCRWANDA official




## **Goalball:** Uko imikino ya shampiyona yagenze

Taliki 04 na taliki 05 Gashyantare 2023 mu Karere ka Huye habereye imikino ya shampiyona y'agace ka gatatu "Phase 3" mu mukino wa Goalball " Goalball Championship 2022-2023".

**Uko imikino yagenze**

### 2022-2023 GOALBALL CHAMPIONSHIP

### PHASE THREE

Venue: UR-Huye | Matches Day one

**MEN RESULTS**

| | | |
|---|---|---|
| UR-NYAGATARE | 7-3 | UR-RUKARA |
| NYAMASHEKE | 7-10 | UR-HUYE |
| GISAGARA | 10-0 | BUGESERA |
| NGORORERO | 12-6 | NGOMA |
| UR-RUKARA | 9-8 | NGOMA |
| RWAMAGANA | 9-3 | MUSANZE |
| UR-NYAGATARE | 4-7 | UR-HUYE |
| NYAMASHEKE | 5-14 | BUGESERA |
| KARONGI | 2-6 | MUSANZE |
| MUSANZE | 10-4 | KIREHE |
| UR-HUYE | 1-11 | NGOMA |
| UR-NYAGATARE | 10-5 | BUGESERA |
| NGORORERO | 5-1 | MUSANZE |
| NYAMASHEKE | 3-5 | KIREHE |

**WOMEN RESULTS**

| | | |
|---|---|---|
| UR-NYAGATARE | 10-3 | UR-RUKARA |
| UR-HUYE | 7-10 | NYAMAGABE |
| UR RUKARA | 4-6 | NYAMAGABE |
| UR-NYAGATARE | 3-7 | NGORORERO |
| UR-HUYE | 4-6 | RWAMAGANA |
| RUBAVU | 5-8 | UR-HUYE |

### PHASE TWO

Day two results | 05th,Feb 2023

**MEN RESULTS**

| | | |
|---|---|---|
| KARONGI | 2-9 | RWAMAGANA |
| NGOMA | 4-5 | BUGESERA |
| UR RUKARA | 3-10 | MUSANZE |
| UR-NYAGATARE | 4-4 | KIREHE |
| NGORORERO | 1-6 | RWAMAGANA |
| NYAMASHEKE | 2-7 | GISAGARA |
| UR-HUYE | 10-0 | RUBAVU: FORFEIT |
| UR-HUYE | 7-9 | MUSANZE |
| NGOMA | 5-4 | KIREHE |

**WOMEN RESULTS**

| | | |
|---|---|---|
| NGORORERO | 10-0 | UR-RUKARA |
| UR-HUYE | 7-10 | NYAMAGABE |
| UR RUKARA | 4-6 | NYAMAGABE |
| UR-NYAGATARE | 3-7 | NGORORERO |
| UR-HUYE | 4-6 | RWAMAGANA |
| RUBAVU | 5-8 | UR-HUYE |

### PHASE THREE


**STANDINGS**

**MEN**



1. RWAMAGANA 27pts
2. GISAGARA 24pts
3. NGORORERO 22pts
4. KARONGI 19pts
5. MUSANZE 15pts
6. BUGESERA 13pts
7. NGOMA 12pts
8. UR HUYE 12pts
9. KIREHE 10pts
10. UR RUKARA 10pts
11. NYAMASHEKE 9pts
12. UR NYAGATARE 4pts
13. RUBAVU 0pts

**WOMEN**



1. RWAMAGANA 13PTS
2. MUSANZE 13PTS
3. NGORORERO 12PTS
4. RUBAVU 10PTS
5. NYAMAGABE 9PTS
6. UR HUYE 4PTS
7. UR NYAGARE 4PTS
8. UR RUKARA 0PTS

@npcrwanda | NPCRWANDA | NPCRWANDA official

RWANDA

commonwealth games RWANDA

Website: www.olympicrwanda.org
www.olympicrwanda.org/commonwealth
Email: cnosr@olympicrwanda.org | @RwandaOlympic

Address: Remera–Hallmark Center Building KG 17 Ave